C EP R Conférence Episcopale du Rwanda

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
**Secrétariat Général**
**B.P. 357** Kigali / Rwanda
**Tél. :** (+250) 252 575 439
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

**UBUTUMWA NYIRICYUBAHIRO MGR SERVILIYANI NZAKAMWITA YAGENEYE UMUNSI WA 13 W'URUBYIRUKO GATOLIKA MU RWANDA**

**28 Mutarama 2018**

**Insanganyamatsiko**: **« Wigira ubwoba Mariya, kuko wagize ubutoni ku Mana »** Lk1, 30

Rubyiruko

Bakristu bavandimwe,

Turi guhimbaza umunsi wa cumi na gatatu w'urubyiruko gatolika mu Rwanda, uyu munsi watangiye bwa mbere kwizihizwa mu mwaka wa 2006 mu Rwanda. Ni umunsi uhimbazwa ku isi hose kuri Mashami, by'umwihariko aho Papa ahura n'abahagarariye urubyiruko mu bihugu byose. Kubera ko umunsi wa Mashami ukunze guhura n'icyumweru cyo kwibuka Genocide yakorewe abatutsi, Twe nk'abanyarwanda twafashe icyumweru cya nyuma cy'ukwezi kwa Mutarama, tubihuza n'umunsi wa Mutagatifu Yohani Bosco, Umurinzi w'Urubyiruko.

Ndabasaba ko twazirikana ibintu 3:

1. Mwigira ubwoba, mufite ubutoni mu maso y'Imana
2. Kwiteza imbere mu rwego rwo kurwanya ubukene
3. Kwirinda irari iryari ryo ryose ribashora mu busambanyi
4.

**1. Mwigira ubwoba, mufite ubutoni mu maso y'Imana**

Mwigira ubwoba : aya ni amagambo arema agatima buri wese, gusa nta wundi ushobora kuyavuga afite icyo yishingikirijeho uretse Imana yonyine. Mu rugendo rwo kwitagatifuza twakoze kuva umwaka ushize, Papa yadushyize mu biganza by'Umubyeyi Bikira Mariya Nyina wa Jambo. « Ushobora byose yankoreye ibitangaza » (Lk1, 49) yabaye insanganyamatsiko twazirikanye umwaka wose wa 2017, tuyisoza mu ihuriro rya 16 ryabereye muri Diyosezi ya Nyundo. Tukaba dushimira Abasaserdoti, abihayimana bababaye hafi, ababyeyi babohereje ndetse na mwe rubyiruko uburyo mwaryitabiriye. Turashimira by'umwihariko Diyosezi ya Nyundo kuko yateguye iyi Forum ku buryo bw'intangarugero.

Hamwe na Papa rero, urugendo turacyarukomeje, uyu mwaka wa 2018, tuzazirikana na none ku mubyeyi Bikira Mariya duhereye ku ivanjiri ya Luka. Insanganyamatsiko iragira iti : **« Wigira ubwoba (Mariya), kuko wagize ubutoni ku Mana »** Lk1, 30. Mariya wavukiye mu ntara ya Galileya, mu mugi wa Nazareti, Imana yamuhisemo mu bandi bakobwa bose nawe arayikundira aba umutako ubereye abo mu kigero cye, aba Urugero mu bagore bose; ibyo byatumye Imana imukuza imuha kubyara umucunguzi wacu Yezu Kristu. Yakiriye urukundo rw'Imana ntiyarutesha agaciro.

Mariya twaragijweho nk'umubyeyi, adutoze gukomera mu kwemera, aduhumurize muri urwo rugendo rw'ukwemera, adutoze kuvuga yego izaduherekeza mu buzima bwacu bwose. Igihe Umumalayika amubonekeye amubwira inkuru nziza ko agiye gusama akazabyara umucunguzi, yego ye yamuhaye icyubahiro kidasanzwe imbere y'Imana ndetse no mu muryango wa Dawudi.

## 2. Kwiteza imbere mu rwego rwo kurwanya ubukene

Iki gihugu cyacu kirifuza kubakura mu bukene ariko mubigizemo uruhare mukirinda ibibayobya, mukirinda kurya ibidakwiye, kurya ibitaribwa. Hari urubyiruko rwinshi ruzindukira ku muhanda, mu du centre tw'ubucuruzi, biyahuza inzoga ziri mu bwoko bw'ibiyobyabwenge, banywa urumogi, abo ngabo ntibaramenya Kristu, n'ababikora bamuzi babimenye ko bavanga. Kiliziya Gatolika yigisha urukundo, urwo rukundo nta handi irukura uretse muri Yezu Kristu no mu ijambo rye. Ijambo rye rifite ububasha buhashya roho mbi iyo ziva zikagera. Bigaragarira mu ivanjili twumvise, aho ijambo rye ryateye ubwoba kandi ribuza amahwemo roho mbi yari yarigaruriye umwe mur bari bari aho. Kugera ubwo roho mbi na zo zimumenya ziti: "uri intungane y'Imana". Namwe mwahawe ububasha bwo kwirukana izo roho mbi mukoresheje ijambo rye ndetse n'isengesho rivuganywe ukwemera

Umukristu rero wumva ijwi rye, akamumenya agira ubuzima bushya butuma anagira uruhare mu iterambere rye, rya Kiliziya n'iry'igihugu. Niyo mpamvu tudakeneye urubyiruko rw'imburamikoro, rw'abanebwe, urubyiruko rwirirwa ku musozi rudakora kandi rushaka kurya. Mt Pawulo intumwa atugira inama yo kwitanga ku murimo agira ati: "Bavandimwe, mu izina rya Nyagasani Yezu Kristu, tubategetse kwirinda umuvandimwe wese w'inyandagazi (abantu b'inkorabusa)… Muzi neza ukuntu mugomba kudukurikiza: ntabwo twigeze tuba inkorabusa iwanyu, nta n'umwe twigeze dusaba umugati wadutunze ijoro n'amanywa, mu mvune n'imiruho twarikoreraga ubwacu kugira ngo tutagira n'umwe muri mwe tugora…..Niba hari udashaka gukora, ajye areka no kurya" (2Thes3, 6-12).

Mu bisubizo byatanzwe n'urubyiruko mu rwego rwo kwitegura Sinodi izibanda ku rubyiruko izaba mu kwezi kwa cumi uyu mwaka ifite insanganyamatsiko igira iti: **"Ukwemera n'ishishoza mu muhamagaro"**, urubyiruko rwagaragaje ko hari ibibazo by'ingutu bafite muri iki gihe, muri byo harimo: ubukene buterwa n'ubushomeri cyangwa kubura akazi, kutitabwaho n'imiryango bavukamo, iterambere ribakurura, amahirwe rufite ni make urebye ibyo ruba rukeneye, gutinya umurimo no gutinya kuvunika bityo abantu bagashaka ubuzima buboroheye, n'ibindi. Niyo mpamvu ngira ngo nsabe ababyeyi kwita ku bana babo bakivuka cyangwa bakimara kubasama kuko niho ubuzima bwabo butangirira. Ibyo bizabafasha kwirwanaho igihe bakuze cyangwa igihe babuze ababyeyi bakiri bato.

Dufite ikibazo kandi cy'urubyiruko rushaka gukira rutavunitse, ibyo bigatuma bahururira ibintu byinshi bibaroha mu rupfu batabizi nko kwishora mu busambanyi, mu rusimbi ngo bunguke vuba, gushaka ba fiancé b'abakire kuri za facebook, kwitaba amatelefoni abahamagara mu kazi kabahemba menshi mu bihugu byateye imbere bagerayo bagahinduka ibicuruzwa nk'ibindi, bakaba bishoye mu busambanyi baba babishaka cyangwa se batabishaka. Iyo bigeze aho rukomeye ugomba guhamya ko wamenye Kristu, byaba ngombwa ugahara ubuzima bwawe aho guhemukira Imana. Tujye turebera urugero kuri Mt Maria Goreti, wemeye gupfa aho gutakaza ubusugi bwe yica itegeko ry'Imana.

Icyo tubasaba ni ukwibumbira hamwe mukareba icyabateza imbere, muzabifashwamo n'inzego zitandukanye zibari hafi. Hari aho batangiye gushinga amatsinda bakoreramo ibikorwa ari iby'iyobokamana, ari n'iby'amajyambere, ibyo ni ibyo gushima. Ndabararitse, buri mujene wese agire aho abarizwa mu matsinda ari ariho ari n'andi ashobora gushingwa. Ndasaba imiryango ya Agisiyo Gatolika, za Korali kwiremamo amatsinda y'iterambere kugira ngo yizamure mu bukungu n'imibereho myiza.

**3. Kwirinda irari iryari ryo ryose**

Rubyiruko rwacu, rubyiruko dukunda, mube maso kandi murwane gitwari intambara yo kwibohora. Hari abashukanyi bashobora kubashora mu myumvire mibi ndetse no mu ntambara ku nyungu zabo. Hari amadini y'inzaduka ashobora kubayobya; hari irari ry'ibintu: amafranga, ibiyobyabwenge bibafatanya n'ubukene cyangwa ibibazo mwifitiye bikabakurura bibatesha inzira n'agaciro kanyu. Hari irari ry'umubiri, ingeso mbi, urugomo, amashusho y'urukozasoni bishobora kubarangaza ndetse no kubayobya. Ibyo byose, abo bose ni ibyononа ubuzima bwanyu, ubuzima bufite agaciro gakomeye, bikabangamira ejo hanyu hazaza. N'ubwo mufite birantega nyinshi mu nzira y'ubuzima bwanyu, ntimukwiye gucika intege ngo muteshuke ku ntego n'imigambi mwafashe yo kwiteza imbere no guteza imbere igihugu cyanyu ndetse na Kiliziya yanyu. Ibanga murarizi ni umusaraba wa Kristu na Kristu wawubambweho, arabakunda, nimumwakire, mumuhe umwanya w'ibanze mu buzima bwanyu azabashoboza n'ibyakabananiye.

Mwirememo umuco wo kubana, wo gufashanya, wo kwibumbira mu matsinda y'iterambere. Mumenye ko ejo hanyu hazaza hari mu biganza byanyu, ariko muhumure murashyigikiwe ntabwo tuzabatererana. Gusa mumenye ko hari imbuto batubwira ko zitaribwa; namwe nagira ngo mbabwire imbuto mugomba kwirinda: ni ubusambanyi kuko nimuyirya muzapfa, muzahura n'ibibazo kandi kubyikuramo bibagore. Muzasama inda imburagihe. Abahuye na zo bafite ibibazo bikomeye, kandi muzahura n'indwara zirimo na Sida, imitezi,.... Ntibazababeshye ngo umuti ni agakingirizo, agakingirizo ntigakingira icyaha kandi muzi neza ko n'ubusambanyi ari icyaha gikomeye, cyangiza umubiri ndetse na Roho. Nimusigeho, nimusigeho mwe kwiroha mu rwobo rw'urupfu kandi Kristu abategerereje ku muryango w'ijuru.

Mu gusoza nagirango mbibutse ko murinzwe, ntimugire ubwoba kuko turi kumwe n'umubyeyi Bikira Mariya. Uyu mubyeyi abarinde kandi ababere urugero rw'uwihanganye akumva ijwi ry'Imana, akakira umuhamagarowe bikaba byaramuhaye kwicara iburyo bw'Imana, Ubu akaba ari Umwamikazi w'ijuru n'isi.

Imana ibakomeze kandi nanjye mbahaye umugisha

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
C.EP.R.
B.P.357 Kigali
Rwanda
COMMISSION

+ Mgr Servilien NZAKAMWITA, Umushumba wa Diyosezi ya Byumba na Perezida w'Akanama k'Abepiskopi gashinzwe ikenurbushyo ry'Urubyiruko muRwanda